Monsieur le Directeur Général de la Jeunesse pour information

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 30 OCT. 1984

N°3930/15.00

Nyakubahwa Militant Prezida wa Republika,
Prezida-Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneli
Iharanira Amajyambere y'u RWANDA
K I G A L I

IMPAMVU : Inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire.

Nyakubahwa Militant Prezida,

Mboherereje inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yabaye taliki ya mbere ukwakira 1984.

Muli iyo nama twibanze ku ngingo zikulikira :

1. Umuganda
2. Animasiyo
3. Imigendekere y'akazi.

Twiyemeje ko mu nama ya Selire itaha tuzatora Komite nshya kuko twungutse abakozi bashya benshi kandi bamwe mu bali bagize Komite bagiye mu zindi nzego n'izindi za Ministeri.
Turateganya kandi gushyiraho Isanduku yajya igoboka abakozi ba Selire (Mutualité ou Caisse d'entraide). Tuzabifashwamo n'ubutegetsi na Banki z'Abaturage.

Mugire amahoro kandi murambe mu Banyarwanda.

Bimenyeshejwe :
- Militant Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D.
  K I G A L I
- Militant Prezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere
  K I G A L I
- Militant Ministri (Bose)
  K I G A L I

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE YA MINISTERI Y'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE, TALIKI YA MBERE UKWAKIRA 1984.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

I. Abali muli iyo Nama :

- Umukuru wa Selire kandi nawe Prezida w'Inama, Militant Ministri NDINDILIYIMANA Augustin, Major BEM.
- Bamwe mu bagize Komite ya Selire
- Abamilitantes n'Abamilitants ba Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

II. Imigendekere y'Inama :

Inama ya Selire yatangiye isaa cyenda n'igice igeza isaa kumi n'imwe n'igice.

Mu gutangira inama, Militant Ministri yavuze ko yashatse kubahiliza icyemezo yali yarafashe cy'uko ukwezi kwa Nzeli kutarangira hatabaye inama ya Selire. Yungamo avuga ko inama iherutse yabaye taliki 29 Gicurasi 1984. Ubwo rero hali hashize igihe kirekire nta mibonano nk'uko biteganijwe.

Kubera inama nyinshi z'akazi zagiye zikorwa nicyo cyatumye iya Selire itabera igihe.

- Militant Ministri yavuze ko inama igiye kwibanda ku gusuzuma ingingo zikulikira :

1° UMUGANDA

2° ANIMASIYO

3° IMIGENDEKERE Y'AKAZI

4° DIVERS:
   a) Komite ya Selire
   b) Konje
   c) Isanduku yo kugoboka abakozi ba Ministeri
   d) Kumenyesha.

Militant Ministri yasobanuye izo ngingo ku buryo burambuye muli aya magambo.

1° UMUGANDA:- Gusobanura Umuganda icyo ali cyo, ibyo watugejejeho byaba ali uburondogozi. Icyakora kureba ingingo zibangamira imigendekere myiza y'Umuganda ni ngombwa.

.../.....

Umukuru w'Igihugu ntahwema kutwibutsa ko Abategetsi bakuru bo mu nzego zose, kuva kuli Ministri kugeza kuli Chef de Bureau, ko basabwe kwilinda ubunebwe imbere y'abo bayobora, ahubwo bakaba intangarugero mu gukorana umwete n'ubwitange mu Muganda.

Abakozi ntibakwiye kwiha kuruhuka batakoze umulimo ugaragara. Bagomba kandi kugera mu Muganda kare bagataha isaa tanu. Kubera iyo mpamvu; igihe tuzaba twakoze cyane kandi isaha itaragera, hazajya habaho ikiruhuko gito hanyuma twongere dukore.

Ibyo bizatuma tugeza isaa tanu tugifite imbaraga.

Nsabye rero abo dufatanyije kuyobora abakozi hamwe na Komite ya Selire kumfasha ngo Umuganda urusheho kwitabwaho muli Selire yacu.

- Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini aherutse gusaba za Cellules Spécialisées zibishoboye gukora Umuganda aho zihitiyemo. Twebwe twiyemeje gukorera Umuganda mu kigo cy'Urubyiruko i GACULIRO. Kubera ko hali isambu ingana na hegitari 16, tugomba kuhatunganya. Militant TWAGIRUMUKIZA Mikayire, Diregiteri ushinzwe Umuganda muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini aherutse gusura GACULIRO, twumvikana ko imvura nigwa azadushakira abadufasha gutunganya iyo sambu ikaba koko intangarugero.

- Komite ya Selire, ifatanyije n'Ubuyobozi bw'Ikigo cy'i GACULIRO iziga ukuntu ibikorwa by'Umuganda byarushaho kugaragara, Urubyiruko rukagira uruhare mu gufata neza iyo sambu naho Selire yacu ikaza ibunganira.

- Igihe tuzabona ko nta milimo itugomba i GACULIRO, icyo gihe tuzasanga abandi aho bakorera Umuganda.

- Abaje mu muganda bagomba kwandikwa kubulyo dushobora kurushaho kugenzura abaje, abakoreye mu biro, n'abagize izindi mpamvu. Abafite uruhushya rwa Muganga bagomba gufatanya n'abagenewe isuku maze buli wa gatandatu ntihagire imyanda irangwa kuli Ministeri.

Abagize Selire basanze ali byiza kugira registre bandikamo buli gihe abaje mu muganda.

- Militant Ministri yongeye gusaba abafite imilimo bategura ku munsi w'Umuganda kujya bamuha listi hakili kare biterenze kuwa gatanu mu gitondo.

- Ku bafite uruhushya rwa Muganga rwo kudakora imilimo ivunanye, yabibukije ko bose bategetswe gukora isuku kuli Ministeri hose.

- Abashofeli nabo bategetswe gukora Umuganda ntibitwaze ngo imodoka zizajya zozwa kuwa gatandatu. Bajye bazoza ku yindi minsi zihorane isuku buli gihe.

.../...

2° ANIMASIYO:

- Militant Ministri yishimiye ukuntu animasiyo igenda neza. Ibyo ahanini ni uko Militant BIKINDI Simoni afatanya na "Groupe Choc" kwiga indilimbo n'imbyino bishimishije. Iyo "Groupe Choc" ijye ihora yitoza hanyuma natwe twese tuyitere inkunga mu kwihatira kumenye ibyo izi.

- Militant Ministri yifuje ko ibiroli by'Uwagatanu Nyakanga 1985 bizategurwa hakili kare. Tugomba kubona imikino myiza kandi nta mafranga menshi dutanze ku modoka n'amacumbi, kandi tukazabifatanya n'izindi za Selire.

- Kubera ko umwaka w'1985 wahaliwe Urubyiruko rw'isi yose, dukwiye gushaka ukuntu ibikino byo kuya 5 Nyakanga byagaragaramo iby'uwo mwaka.

- Ministri yibukije yuko umwaka w'Urubyiruko wategurwa bihagije. Ibyerekeye irushanwa ry'abalirimbyi, ntabwo ali ukuvundiraho.

- Ku byerekeye Siporo

- Siporo igomba gukorwa nkuko dukora animasiyo kandi igakorwa mu buryo bw'animasiyo twese tukabijyamo.
  Hali Siporo zinyuranye, buli wese yakwiyandikisha aho ashaka kandi abatoza barahali. Nk'abakunda kwiruka, impuguke y'Umufransa yitwa SOUCHAUD yabibafashamo naho FICKERT yabatoza mu mukino w'umupira w'amaguru.
- Ku byerekeye imyambaro, hali iyo abadage bahaye Selire, n'Abashinwa baduha indi. Hali kandi niyo twali dusanganywe. Diregiteri Jenerali wa Siporo asabwe gutoranya imyambaro n'inkweto bisa bizajya bikoreshwa n'amakipe "représentative". Buli wese ntashobora kubona imyambaro n'inkweto. Iyo myambaro ya Selire ikajya ibikwa kandi igafatwa neza.
- Umunsi wa Siporo uzakomeza kuba kuwa gatatu aliko mbere yo kujya gukina tuzajya tubanza gukora animasiyo.

Ku byerekeye Loisirs

Abamilitantes n'abamilitants basabye yuko bajya berekwa Cinéma kuko Ministeri ifite ibyuma byayo. Kuli icyo cyifuzo hemejwe yuko films techniques zigisha bimwe mu birebe imilimo Ministeri yacu ishinzwe, aliko habonetse n'indi film nziza yakwerekanwa. Izo films zakwerekanwa limwe mu kwezi mu nzu y'inama ya Ministeri. Ikerekanwa guhera isaa kumi n'igice. Ushinzwe documentation na NGORORABANGA wize ibya Cinéma niwe uzajya ayerekana undi agashaka film.

- Militant Ministri yibajije impamvu hali ibyuma bya Sinema bya Ministeri bili muli Centre Culturel Franco-Rwandais kandi hakaba hashize igihe kirekire uwabijyanyeyo atarabitarura. Laurent GAHAMANYI asabwe kujya kubitarura.
- Kuli iyo ngingo yerekeye imyidagaduro, Militant Ministri yibukije abafasha be ko nta mikino y'abanyamahanga izajya yerekanwa mu gihugu tuta banje kuyireba ngo tumenye niba italimo ibiyobya Urubyiruko mu muco.

.../...

Na za Sinema zerekanwa mu gihugu ni ugufatanya na ORINFOR gutoranya izidashobora guhumanya umuco wacu. Ni ukwandikira Umuyobozi wa ORINFOR tubimusaba.

### 3. Imigendekere y'Akazi

Buli mukozi murwego alimo asabwe kugira disiplini no gutunganya akazi ashinzwe. Twese ni ugukoresha imbaraga zacu n'ubwenge bwacu twuzuzanya, ntakwitana bamwana. Dufite amasaha 8 ategetswe buli munsi. Yaba nibura buli wese yakoreshaga neza ane, andi yayizigamira mu bishobora kumuhugura.

- Hali ubwo usanga hali abakozi bicaye ntacyo bakora kandi akazi katabuze. Ibyo bituruka kuli ba "Responsables" batazi gukoresha abo bashinzwe. Ni uguha rero buli wese akazi kandi kakagenzurwa, ntuterere iyo. Ahubwo nabigishe ubwitange mu kazi. Birakwiye kwilinda guhubukira kwiga dosiye kuko kenshi gukora bene ako kageni bituma nta bitekerezo bihamye usanga muli dosiye yizwe. Na none ntibyakumvikana kubona umukozi atindana igisubizo cy'ibarwa yoroheje.
- Hali abakozi binubira ko ababategeka babasubiza akazi bakoze batababeretse uko bagomba kugakosora. Ibyo ntibyemewe. Tubasabye kujya berekana ahagomba gukosorwa.
- Nasabye abamfasha kungezaho icyo buli mukozi ashinzwe. Ibyo ningombwa kuko Umukuru w'Igihugu yabisabye ndetse na Ministri w'Abakozi ba Leta arabitegereje.
- Kugira ngo akazi karusheho gutungana kandi ngo tumenye imikorere y'abamfasha, buli "Chef de Division" azajya akoresha inama, abakozi be bose limwe mu cyumweru, basuzume imikorere ya buli wese maze inyandiko-mvugo yohererezwe Ministri inyuze mu nzego zibigenewe. Nsabye buli Diregiteri Jenerali gukoresha inama y'abakozi be bose limwe mu kwezi. Ibyo byose bizatuma abanebwe bakangukira gukora.
- Kubyerekeye dosiye yaba ireba serivisi nyinshi, ako ni akazi k'Umunyamabanga Mukuru ugenewe kwerekana abagomba kuyiga. Igihe atarabonekа ibyo bishobora gukorwa na Ministri afatanyije naba Diregiteri Jenerali. Nibo bagena abafatanya mu kwiga dosiye ihuliweho na Serivisi nyinshi.
- Kuli ibyo byo guhuza imilimo (coordination), abakozi mbere yo kujya muli za Prefegitura basabwe kujya bakora programu yatuma buli serivisi igira uyihagaraliye. Byakoroshya ingendo na lisansi kandi ntihabe akajagali ngo umukozi asubire aho undi yavuye.
- Nsabye abakora "Inspection" kurushaho gutunganya akazi bashinzwe. Ntibihagije kureba amakosa yakozwe aha n'aha. Buli mugenzuzi asabwe kugira inama abo asanze, akabereka inzira yo kwikosora. Agomba kwerekana umuti w'ibibazo yabonye; yabona bimurenze akabona kwitabaza inzego zo hejuru kugera kuli Ministri. Ministri siwe rero wenyine watanga umuti ku bibazo byose by'akazi. Akazi ntikagomba gukorwa na bamwe.
- Kubera ko amafaranga ali makeya, twageneye abakozi badufasha muli Prefegitura umubare ntarengwa wa lisansi n'amafaranga y'ingendo mu mwaka. Ibyo ntibyabuza umukozi nyawe gukora ingendo atazahemberwa.

Militant Ministri mu gusoza iyo ngingo yibukije ko buli mukozi ashobora gukora amasaha y'ikirenga igihe cyose amadosiye yamubanye menshi. Ibyo birareba cyane cyane ba "Responsables".

## 4. Divers

a. Komite ya Selire

- Umukozi yabajije niba kwambara umudali wa Prezida ali itegeko kuko muli Selire hali uwashatse kubikoramo contrôle.
- Militant Ministri yibukije ko twese tuli muli Muvoma kandi ko tugomba gushyigikira Prezida-Fondateri wayo Militant HABYARIMANA Yuvenali. Ntawe ukwiye gutinya kugaragaza ko amushyigikiye; kimwe mu bibigaragaza, ni ukwambara imidali twiguliye nta gahato. Igihe dutumye umwe muli twe ngo ajye kuyidushakira muli Permanence ya M.R.N.D. ubwo mwayiguze mujye muyambara kuko itagenewe kuba mu bimuga. Twese rero tujye tuyambara aliko simvuze ko uzawibagirwa azaba akosheje.
  Twerekane buli gihe ko twacengewemo n'amatwara ya Muvoma kandi ko dushyigikiye Uwayihanze.
- Kubyerekeye kuvugurura Komite ya Selire Militant Ministri yasanze ali ngombwa kuko muli Selire hiyongereyemo abandi bakozi benshi bashya. Ikindi kandi ni uko Militant KANYARUSHOKI Karaveli atagifite umusimbura wo muli "Première catégorie". Mu nama y'ubutaha ni ugutora abazatuyobora.

b. Konje

Muli iki gihe usanga hali ingorane mu kwaka konje. Umukozi iyo akeneye konje ayaka anyuze mu nzego zose z'abamutegeka mbere yo kugera kwa Diregiteri Jenerali. Kubona ibarwa yuzuye "sous-couvert", twasanze bidahwitse, dufata uburyo bworoshye. Umukozi uzajya waka konje azajya ashyiraho "sous-couvert" ya Diregiteri Jenerali gusa aliko inyuzwe munzego zose sibigenewe.

c. Isanduku yo kugoboka abakozi ba Ministeri

- Militant Ministri yasabye Militant MBATEYE Tomasi, Diregiteri Jenerali ushinzwe ibya Koperative kugira icyo abivugaho.
- Militant MBATEYE Tomasi yerekanye ko hali inzira ebyili maze Selire ikaba yahitamo iyinogeye.

  1) Mutualité : Igoboka abanyamuryango mu bihe bibi kandi bashobora kugulizwa. Mbese imikorere yayo ni nka za Banki z'Abaturage.
  2) Caisse d'entraide : ni isanduku yagenewe gutabara imbabare, n'abahuye n'impanuka.

- Militant Ministri yavuze ko Caisse d'entraide yahozeho muli Ministeri iza guhagarara. Igikwiye rero ni ukubona ikintu cyaba nka "Crédit Banque" ikulikiza amategeko ya Banki z'Abaturage. Tugomba kugena umutungo w'umuryango n'icyo buli muntu yatanga. Iyo Banki yajjya yunguka kandi ikagoboka abakozi bakeneye inguzanyo. Ishobora kuba inyishingizi ku bakeneye inguzanyo itubutse mu zindi Banki. Hali aho bili nko muli "Université Nationale". Ubu bafite miliyoni 40.
  Muli KENYA za Ministeri zose zabigezeho.
  Ikindi kintu cyiza ni uko n'igihe waba utagikora hano wakomeza kuba Umunyamuryango.
- Militant MUNYAMBARAGA Narisisi, Diregiteri Jenerali w'Urubyiruko, yasabye ko habaho Komite y'abantu 5 bo kwiga uwo mushinga maze buli wese akazabona kujya mu bintu yumva neza.
- Militant Ministri yasabye ba Militants MBATEYE Tomasi, NDEKEZI Mariseli na Yves FOURNIER kwiga uwo mushinga vuba bakerekana akamaro k'iyo Banki ugereranije n'izindi ziliho, batibagiwe amategeko ~~azagenga~~ buli munyamuryango.

d. <u>Kumenyesha</u>
- Militant Ministri yavuze ko Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga yatangaje ko buli wese ushaka guca muli KENYA i NAIROBI azajya atanga ihoro ry'amadolari 10.
- Militant KAREKEZI Epimake arashimira Selire ya Ministeri kuko yamutabaye mu byago aherutse kugira.
- Hali za "bourses" zoherejwe muli Ministeri. Ni uguha kopi buli serivisi, abazishaka bakiyandikisha.

5. <u>UMUSOZO</u>

Militant Ministri yashoje Inama muli aya magambo :
- Ndabashimira mwese kuko turangwa n'amatwara ya Muvoma, haba muli animasiyo no mu kazi dushinzwe, dukulikiza amabwiliza ya Prezida-Fondateri wa MRND.
- Dukaze umurego mu gukora nk'abikorera kugira ngo igihugu cyacu kijye imbere.

<u>Umwanditsi</u> :
Militant BAGOYI Yozefu

<u>Prezida w'Inama</u>
Militant Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-